GUSHIMIRA ABARWANASHYAKA

Barwanashyaka ba PDR-Ihumure, nk'uko mwari mwabimenyeshejwe ishyaka PDR Ihumure ryagiye mu myigaragambyo yo kwamagana umwicanyi Paul Kagame yabaye tariki ya 02.04.2014 kuri Place du Luxembourg, i Buruseli mu Bubiligi. Paul Kagame ari hano mu Bubiligi aho yatumiwe mu nama ihuza ibihugu by'i Burayi n'ibihugu by'Afrika. Ni ubwa kane iyi nama ibaye.

Président w'ishyaka, Bwana Paul Rusesabagina wari uturangaje imbere arabashimira uburyo mwabyitabiriye kandi akaba abashishikariza gukomeza kwitabira ibikorwa byose biteza imbere ishyaka ryacu.

Nk'uko mwabyiboneye twari benshi koko kandi ntitwari twenyine. Iriya myigaragambyo yabaye igikorwa gihuriweho n'amashyaka 15 atavuga rumwe n'ubutegetsi bwa FPR ndetse n'amashyirahamwe ya société civile ageze ku icumi. Kubitegura ntibyari byoroshye. Ariko ishyaka ryacu ryakoze ibishoboka byose kugira ngo bigende neza kandi ryabigizemo uruhare rukomeye cyane.

Rugikubita hari amashyaka, n'ubwo yemeraga gufatanya n'ayandi, yabyemeraga mu magambo ashaka kugira ngo yitirirwe kiriya gikorwa yoyine. Dushingiye kuri expérience ishyaka ryacu rimaze kugira, ryumvishije abo twari dufatanyije ko icya ngombwa ari uko twumvisha abari bamutumiye n'andi mahanga ko Kagame ari umutegetsi waciye ibintu, uhonyora uburenganzira bwa muntu na démocratie. Dushingiye aho twaje kumvikana dusaba amashyirahamwe CLIIR na Jambo asbl kuyobora iyo myiteguro. N'ubwo twabyemeye twese mwarabibonye ko hari amashyaka n'ubundi yatangaje ko ari yo ari gutegura iriya myigaragambyo. Kuri twe icya ngombwa ni uko icyo twashakaga cyagezweho.

By'umwihariko twafatanyije n'abandi gutegura inyandiko yagejejwe kuri Union Européenne, ishyaka ryacu riyishyira mu cyongereza, kandi kubera icyizere twagiriwe, ni twe twasobanuye iyo nyandiko. Twafatanyije n'abandi duhuriza hamwe imari yatumye tubasha gucapisha inyandiko zatanzwe mu mayira, muri za gare n'izakoreshejwe mu myigaragambyo, gukodesha imizindaro, kugura imyambaro iranga abashinzwe umutekano n'ibindi. Mu minsi ya vuba tuzahura turebere hamwe ibyagenze neza n'ibitagenze neza kugira ngo dushingire ku byangenze neza, ibyageneze nabi tubikosore, kandi tuzabibamenyesha.

IHUMURE KURI TWESE.

Bruxelles le 03.04.2014

Jean Baptiste Ngarambe
Umunyamabanga wungirije

Mwirebere: http://www.youtube.com/watch?v=Pf-x_nGliUc